# Uburezi budasanzwe ni iki?



Uburezi budasanzwe bushobora gusobanura ubwoko bwinshi bw'ubufasha ku mwana wawe. Bushobora kubamo ikoranabuhanga, kwigira mu matsinda mato, uburyo bw'itwara, ubuvuzi bw'imivugire n'ibindi.

**Uburezi budasanzwe buhinduka bitewe n'imyaka y'umwana wawe.**

## IMYAKA 0 - 3

Niba umwana wawe yemerewe, ashobora kwiyandikisha muri Gahunda ifasha abana bato muri Arizona (AZEIP). AZEIP ifasha kwipimisha ikanatanga serivisi ku bana bato n'ibitambambuga n'imiryango yabo. Ushobora kuzuza ifishi isaba kuri azeip.azdes.gov.

## IMYAKA 3 - 5

Niba umwana wawe yemerewe, ashobora guhabwa uburezi budasanzwe bw'abana bato, harimo kwigira ubuntu mu mashuri y'incuke. Umwana wawe ntasabwa kwiyandikisha ku ishuri kugira ngo asuzumwe ahabwe serivisi. Ukeneye ibisobanuro, wavugisha abo ku karere k'ishuri rikwegereye.

## IMYAKA 5 - 14

Abana bazaba bujuje imyaka 5 ku itariki ya 1 Nzeri bashobora kwitabira amashuri y'incuke. Abana bose batangiye mu mashuri y'incuke bipimisha ubumuga. Niba umwana wawe arengeje imyaka 5, akaba nta rindi shuri yanditseho, nawe azapimwa. Niba ubumuga bw'umwana wawe butagaragaye muri uku kwipimisha, ushobora kohereza inyandiko isaba ifasi y'ishuri kugira ngo bakore isuzuma.

## IMYAKA 14 - 22

Nubwo abanyeshuri benshi barangiza amashuri yisumbuye mu myaka 4 bamaze kuzuza ibisabwa n'ishuri, bamwe mu bafite ubumuga bashobora kuguma mu ishuri kugeza bafite imyaka 22. Abanyeshuri barengeje imyaka 14 kandi bashobora guhabwa serivisi zijyanye n'akazi muri gahunda ya leta ishinzwe kwinjiza abafite ubumuga mu myuga (VR). Izi serivisi zirimo amahugurwa ajyanye n'akazi no kubaka ubumenyi.

**Uracyafite ibibazo?** Ku bindi bisobanuro, soma agatabo kacu kavuga kuri Gahunda y'*uburezi bwihariye (IEPs)* no *Kwimwa serivisi*.

Beyond Flight ARIZONA MY HOME
Along the path of freedom lie the seeds of hope

**Gahunda yo kwimura no gutuza impunzi muri Arizona**
**1789 West Jefferson**
**Phoenix, Arizona 85007**
**Telefoni: (602) 542-6045**

Arizona Developmental Disabilities Planning Council

Byakoranwe Photosymbols; Bikozwe ku wa 20/08